Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

# ITANGAZO RY' AKAZI Nº 014/CSM/2026

Urukiko rw' Ikirenga ruramenyesha abantu bujuje ibisabwa kandi babyifuza ko, hari imyanya ibiri (2) y' Abacamanza b' Inkiko z' Ibanze, ipiganirwa.

Uwifuza gupiganira uwo mwanya, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n' umwe (21) y' amavuko;
3. Kuba afite nibura impamyabumenyi y' icyiciro cya mbere cya Kaminuza (Ao) mu by' amategeko (Bachelor's Degree in law);
4. Kuba yarakoze mu mirimo ijyanye n' iby 'amategeko nibura mu gihe cy' imyaka ine (4) ;
5. Kuba atarambuwe n' inkiko uburenganzira mboneragihugu n' ubwa politiki;
6. Kuba atarigeze ahanishwa igihano cy 'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu cyabaye ndakuka;
7. Kuba atarahamwe n' icyaha cya jenoside cyangwa icy' ingengabitekerezo ya jenoside n' ibyaha bifitanye isano nayo;
8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze uretse igihe bigaragaye ko yarenganye byemejwe n' urukiko;
9. Kuba atarataye umurimo cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarahagaritswe by' igihe gito cyangwa atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
10. Kuba atagaragara ku rutonde rw' ababujijwe kuba abakozi ba Leta.

**Dosiye y' umukandida igomba kuba igizwe n' ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w' Urukiko rw' Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y' Ubucamanza;
2. Umwirondoro (CV) ;
3. Kopi y' impamyabumenyi isabwa ;
4. Kopi y' indangamuntu cyangwa ikiyisimbura;
5. Ibyemezo by' imirimo yakoze igaragaza uburambe mu bijyanye n' amategeko;
6. Icyangombwa kigaragaza ko umuntu atafunzwe (Criminal record).

Dosiye yoherezwa inshuro imwe kuri *email*: **job@judiciary.gov.rw** y' Ubunyamabanga Rusange bw' Urukiko rw' Ikirenga, irimo inyandiko zose zisabwa kandi ziri muri PDF. Ahanditse impamvu (subject) niho hagaragazwa umwanya usabwa.

Kwakira dosiye, bizakorwa kugeza ku itariki ya **06/05/2026** i saa kumi n' imwe (17:00).

Bikorewe i Kigali, ku wa 13/04/2026.

Digitally signed by SC(Executive Secretary HCJ)
Date: 2026.04.13 15:11:51 +02'00'

**YANKURIJE Dorothée**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**
**w' Inama Nkuru y' Ubucamanza**